Nimwumva umuhamagazi w'isengesho mujye musubiramo amagambo avuze, hanyuma munsabire kwa Allah amahoro n'imigisha

Hadith yaturutse kwa Abdullah Ibun Amri Ibun Al Asw (Imana imwishimire) yavuze ko yumvise Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ivuga iti: "Nimwumva umuhamagazi w'isengesho mujye musubiramo amagambo avuze, hanyuma munsabire kwa Allah amahoro n'imigisha, kubera ko unsabiye amahoro n'imigisha inshuro imwe Allah nawe abimuha inshuro icumi. Hanyuma mujye mukurikizaho kunsabira ko Allah yanshyira mu rwego rushimishije, kubera ko ari urwego rwo mu ijuru nta wundi urukwiye usibye umwe mu bagaragu ba Allah, kandi niringiye ko uwo mugaragu yazaba njye. Bityo unsabiye urwo rwego nawe azagerwaho n'ubuvugizi bwanjye.

[Hadithi y'impamo] [Yakiriwe na Muslim]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iratwigisha ko uwumvise umuhamagazi w'isengesho asubiramo amagambo avuze, usibye iyo ageze ahavuga ngo: HAYYA ALA SWALATI: Mwitabire isengesho, HAYYA ALAL FALAH: Mwitabire intsinzi, aho aravuga ati: LA HAWULA WALA QUWATA ILA BILLAH: Nta bushobozi nta n'ububasha usibye ko tubishobozwa na Allah. Yarangiza agasabira Intumwa y'Imana amahoro n'imigisha, umuhamagaro (Adhana) ukimara kurangira, kubera ko uyisabiye inshuro imwe, Allah nawe ayamuha inshuro icumi. No kuvuga ko Allah ayamuha bisobanuye ko amuvuga ibigwi mu bamalayika. Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irangije itegeka ko tuyisabira kwa Allah urwego rwo mu ijuru ruruta izindi rudakwiye kugibwamo n'undi uwo ari we wese usibye umugaragu umwe gusa mu bagaragu ba Allah, kandi ko yiringiye ko yaba we. Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ikaba yaravuze kuriya mu rwego rwo kwicisha bugufi, kubera ko urwo rwego niba nta wundi urukwiye usibye umugaragu umwe, uwo nta wundi warujyamo usibye we, kuko ari we mwiza kuruta ibindi biremwa byose. Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) irangije igaragaza ko uyisabiye urwo rwego nawe azagerwaho n'ubuvugizi bwayo ku munsi w'imperuka.

http://www.sunnah.global/hadeeth/rw/show/65087